

Igisobanuro cya Kentucky cyo Kugwingira mu Mikurire

Nk'uko amategeko y'Imiyoborere ya Kentucky abivuga (Kentucky Administrative Regulations (KAR) , [707 KAR 1:002](#), [Igice cya 1 \(22\)](#)), "Kugwingira mu mikurire cyangwa Developmental Delay (DD)) bisobanuye umwana ufite imyaka iri hagati y'itatu (3) kugeza ku munani (8) utarabona ubumenyi cyangwa ngo agire imyitwarire ihuje n'ibyo yitezweho ku myaka ye mu gice kimwe (1) cyangwa byinshi mu bice bikurikira by'imikurire: ubuhanga, itumanaho, iterambere mu migendere, iterambere ry'ibiyumvo n'imibereho, cyangwa imico yo kumenyera kwifasha. Igwingira mu mikurire bikubiyemo umwana ugaragaza itandukaniro rishobora gupimwa, rishobora kugenzurwa hagati y'ibikorwa byitezwe ku myaka y'umwana n'urwego rw'ibikorwa akora. Ukudahuza kwabyo bizandikwa hagenda ku:

- a) Amanota (2) cyangwa menshi aburaho ufatiye ku gipimo rusange ari muni y'umubare w'impuzandengo mu gice kimwe (1) mu bice byavuzwe haruguru, nk'uko byabonetse hakoreshejwe ibikoresho n'inzira zikurikije ibipimo ngenderwaho;
- b) Amanota rimwe n'igice (1 ½) aburaho ufatiye ku gipimo rusange ari muni y'umubare w'impuzandengo mu bice bibiri (2) cyangwa birenga biri mu bice byavuzwe haruguru, nk'uko byabonetse hakoreshejwe ibikoresho n'inzira zikurikije ibipimo ngenderwaho; cyangwa
- c) Umwanzuro wa Komite y'Umwuga Ishinzwe Kwemererwa no Gusezererwa (Admissions and Release Committee (ARC)) wemeza ko hari ireme ryingenzi cyangwa imiterere yo gukura idasobanutse. Umwanzuro ushingiyeye ku bunyamwuga ugomba gukoreshwa gusa mu gihe amanota asanzwe adatangira umwanzuro, kandi ARC igatangaza mu nyandiko impamvu zituma igera ku mwanzuro w'uko umwana afite ikibazo cy'igwingira mu mikurire."

Iyi nama itagengwa n'itegeko igamije gutanga ibisubizo ku bibazo bikunze kubazwa bijyanye n'igwingira mu mikurire (Developmental delay (DD)) bivugwa mu mategeko y'ubuyobozi bwo muri Kentucky (Kentucky Administrative Regulations (KARs)).

Ibibazo ndetse n'Ibisubizo bijyanye n'igwingira mu mikurire (Developmental Delay (DD))

1. Ni ibihe bintu bisabwa kugira ngo wemezwe ko ufite igwingira mu mikurire muri leta ya Kentucky?

Kuzuza ibisabwa byo kwemererwa mu burezi bwihariye n'izindi serivisi zijyanye nabwo bigaragazwa n'isuzuma "ryuzuye kandi ry'umuntu ku giti cye" [[707 KAR 1:300](#), [Igice cya 4](#)]. ARC ikoreshe ibisubizo by'igenzura kugira ngo imenye niba umunyeshuri yujuje ibisabwa byo kwemererwa muri gahunda y'abagwingiye mu mikurire (DD) [[707 KAR 1:310](#), [Igice cya 1](#)].

ARC ifata icyemezo ko umunyeshuri yujuje ibisabwa igihe umunyeshuri yerekanye itandukaniro rishobora gupimwa, rigaragara hagati y'ibishobora kugerwaho n'ibipimo by'ubu byagezweho bisobanurwa n'ikinyuranyo cyagaragajwe muri [707 KAR 1:002, Igice cya 1 \(22\)\(a\),\(b\)](#). ARC izakoresha amakuru aturuka ahantu atandukanye, harimo ibisubizo ku bipimo byakozwe bishingiye ku bushakashatsi; kureba, kumva ndetse no kuvuga; ibyo ababyeyi bavuze; ibizamini by'ubushobozi n'ibyo ashobora kugeraho ubwe; inama z'umwarimu; imiterere y'umubiri; imiterere y'imibereho cyangwa umuco; imyitwarire yo kumenyera; cyangwa ibintu byabonywe ku myitwarire [\[707 KAR 1:300, Igice cya 4\]](#). Gutanga serivisi na gahunda zo kugwingira mu mikurire bishingiye ku mbaraga z'umwana n'ibyo akeneye, bigaragazwa n'ibice bitanu by'imukurire:

- Ubuhanga
- itumanaho (kuvuga)
- ugutera imbere mu migendere n'imikurire
- imikuririre mu gusabana n'abandi ndetse no mu marangamutima ye
- imyitwarire yo kwifasha ubwe/kumenyera

Niba ARC yemeza ko ibyabonywe mu kwemeza ko yakwemererwa bitafasha gufata umwanzuro, ARC ishobora gukoresha imyanzuro ya kinyamwuga mu gusuzuma niba amakuru y'igenzura adatangira umwanzuro. ARC izagaragaza impamvu zatumye igera ku mwanzuro w'uko umwana afite ikibazo cy'igwingira mu mikurire [\[707 KAR 1:002, Igice cya 1 \(22\)\(c\)\]](#).

2. Mbese ni ngombwa ko umwana asuzumwa n'abaganga kugira ngo bamenye ko agwingira mu mikurire?

Nta tegeko riri muri mategeko y'ubuyobozi bwa Kentucky (KAR) risaba ko habaho isuzuma ry'ubuvuzi nka kimwe mu bikorehwa mu kumenya niba yemererwa. Nk'uko bivugwa muri [707 KAR 1:300, Igice cya 4 \(5\)](#), mu gukora isuzuma, urwego rwa leta rugomba gukoresha ibikoresho n'uburyo butandukanye bwo gusuzuma kugira ngo rushobore gukusanya amakuru ajyanye n'imikorere, imikurire, n'amakuru y'uburezi mu kumenya niba umwana abana n'ubumuga n'ibyo akeneye mu burezi. Ibyo bishobora kuba bikubiyemo amakuru yatanze n'umuganga, mu gihe byemejwe ko bikwiriye, kugira ngo harebwe ingaruka z'uburwayi bw'umwana ku bijyanye mu kwemererwa n'ibyo akeneye mu bijyanye n'amashuri. Mu itegeko [707 KAR 1:300, Igice cya 4 \(9\)](#), cy'itegeko giteganywa ko nta ngamba cyangwa igenzura rimwe rishobora gukorehwa nk'urugero rwonyine rwo kugena kwemererwa.

3. Niba umwana ataragira impinduka ageze ku myaka icyenda, ARC ishobora gukomeza gukoresha ibisabwa mu kwemeza ko umwana afite igwingira mu mikurire muri icyo gice?

Oya, dukurikije itegeko [707 KAR 1:002, Igice cya 1 \(22\)](#), icyiciro cy'igwingira mu mikurire gishobora gukoreshwa gusa kugeza ku myaka 8. ARC igomba kubona uruhushya rw'ababyeyi rwo kongera gusuzuma no gutangira igikorwa cyo kongera gusuzuma kugira ngo hamenyekane niba umwana yujuje ibisabwa kugira ngo yemezwe ko abana n'ubundi bumuga MBERE y'uko umwana ageze ku myaka 9. Niba ARC ifite impamvu zo gukomeza ko umunyeshuri atacyemerewe kuba akiri mu cyiciro cyo kuba afite igwingira mu mikurire, noneho ARC ishobora kongera gusuzuma vuba kugira ngo yemeze niba:

1. Ikindi cyiciro cy'ubumuga gihuye neza n'ibyo umwana akeneye; cyangwa
2. Umwana ntabwo akiri umwana ubana n'ubumuga bukeneye ko ahabwa uburezi bwihariye n'izindi serivisi zijyanye na bwo. [\[707 KAR 1:300, Igice cya 4\]](#)

4. Mbese umwana ashobora kuba afite igwingira mu mikurire kandi akaba yemerewe guhabwa amahugurwa yihariye (specially designed instruction (SDI)) mu bijyanye n'iterambere ry'imigendere mu mikurire yonyine? Niba aribyo, ni inde ushinzwe dosiye?

Yego, niba byemejwe ko ari umwana ufite ubumuga nk'uko bisobanurwa muri [707 KAR 1:002, igice cya 1 \(9\)](#) kandi ARC ikemeza ko hari ingaruka mbi mu bijyanye n'imikurire mu gice cy'imiterere n'imikurire ([707 KAR 1:002, Igice cya 1 \(22\)](#)), ARC igomba kumenya serivisi zisabwa kugira ngo zihuze n'ibyifuzo by'umunyeshuri hakurikijwe gahunda y'uburezi rusange bw'ubuntu kandi bufite ireme (Free Appropriate Public Education (FAPE)).

Ushinzwe dosiye azaba ari Umwarimu wigisha Amasomo atandukanye mu Mashuri Y'incuke (the Interdisciplinary Early Childhood Education (IECE) ku mwana wiga mu mashuri y'incuke n'umwarimu wigisha iby'uburezi bwihariye ku mwana w'umunyeshuri ufite imyaka yo kwiga mw'ishuri.

5. Ese umwana ashobora kuba afite ikibazo cy'igwingira mu mikurire kandi akaba yemerewe guhabwa SDI mu bijyanye n'itumanaho cyangwa kuvuga gusa? Niba aribyo, ni inde ushinzwe dosiye?

Yego, niba byemejwe ko ari umwana abana n'ubumuga nk'uko bisobanurwa muri [707 KAR 1:002, Gice cya 1 \(9\)](#) kandi ARC ikemeza ko hari ingaruka mbi mu bijyanye

**Ibibazo ndetse n'Ibisubizo bijyanye n'Igwingira mu mikurire
(Developmental Delay (DD))**

Kanama 3, 2023



n'imikurire mu gice cy'itumanaho no kuvuga ([707 KAR 1:002, Igice cya 1 \(22\)](#)), noneho ARC igomba kumenya serivisi zisabwa kugira ngo zihuze n'ibyifuzo by'umunyeshuri hakurikijwe FAPE.

Ushinzwe dosiye azaba ari Umwarimu wigisha Amasomo atandukanye mu Mashuri Y'incuke (the Interdisciplinary Early Childhood Education (IECE) ku mwana wiga mu mashuri y'incuke n'umwarimu wigisha iby'uburezi bwihariye ku mwana w'umunyeshuri ufite imyaka yo kwiga mw'ishuri.

Inyandiko z'inyongera

[Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubufasha bw'ibanze mu by'ikoranabuhanga ku bana bato \(National Early Childhood Technical Assistance Center \(NECTAC\)\) inyandiko numero ya 27 Ingamba zo kwemererwa ndetse N'ibikorera abana bato mu gice cya B cya IDEA](#) gitanga amateka yihariye y'ibigenderwaho mu kwemererwa muri IDEA mu gice cya B ndese n'incamake y'uburyo leta ziri gukoresha igice cy'igwingira mu mikurire ku banyeshuri bafite imyaka 3 kugeza 9.

[Ibigo bya leta Bishinzwe Kugenzura ndetse no Gukumura Indwara \(Centers for Disease Control and Prevention \(CDC\)\)](#) Gitanga amakuru mu Cyongereza ndetse n'Icyesipanyoli ku bijyanye n'ibigerwaho bito mu mikurire, igenzura, ndetse no gukora isuzuma.

[Ifishi yo kwemererwa kuba Ufite Igwingira mu mikurire \(DD\)](#) Itanga ibindi byo komekwaho ku ncamake y'inama ya ARC.